29

D2. Patrimoine culturel

La Pratique de la Medecine traditionnelle par les guerisseurs au Rwanda

1997

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE, DE LA CULTURE, DES SPORTS ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

## FICHE DE TRANSMISSION :

DESTINATAIRE P.C / Bitoto & Sebani

EXPEDITEUR D.C.A

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

Commentaires/Observations/Message

Conserver ces documents reçus du vieux Frédéric Sebhangero pdt la Semaine / Culture

Date 14/10/97 Signature [signature]

# LA PRATIQUE DE LA MEDECINE TRADITIONNELLE PAR LES GUERSSEURS AU RWANDA.

## I. L'INTRODUCTION.

La médecine traditionnelle au Rwanda est pratiquée par les personnes agées non ou peu instruites. Ces personnes sont communément appelées en Kinyarwanda du nom"ABAPFUMU" ou guérisseurs traditionnels. Ils peuvent être de deux sexes. Ils ignorent encore de nos jours l'usage en médecine traditionnelle de la science qui est à la base de l'art de soigner.

Aussi l'Anatomie, la physiologie, la bio-chimie, la pathologie médicale, l'hygiène... ne constituent-elles pas des matières fondamentales, préalables au traitement des malades.

Donc, cette médecine de nos ancêtres, pratiquée dans les milieux coutumiers d'une façon irraisonnable, devrait être améliorée par une formation adéquate des guérisseurs traditionnelles, en vue de les rendre plus productifs, et ainsi de mieux moderniser cette médecine qui reste à son stade à la fois archaïque et primitif.

En tant que documentaliste et chercheur en plantes médicinales je suis en train de collectionner certaines plantes médicinales couramment utilisées par les personnes agées au Rwanda.

## II. LES MALADIES SOIGNEES PAR NOS GUERISSEURS.

Les maladies couramment soignées par nos guérisseurs sont:
-Presque toutes les maladies de la peau-du nez(sinusite, ozène)-de la poliomyélite-de la syphilis- gastrite- angine- gale- prolabsus génital et renversement du rectum-traitement de l'ulcère phagédenique-des abcès externes du corps et internes de l'utérus. Certains guérisseurs soignent des vers de touts genres:Amibes-Ankylostôme-Ascaridiose-Téniose-Kyste-Trichomonas etc... Il y en a parmi eux, qui peuvent traiter de la Malaria des maladies vénériennes, diarrhéiques; d'autres traitent et soignent les mères et leurs bébés peu après l'accouchement;d'autres donnent des médicaments pour lutter contre les avortements précoces,et ainsi combattre contre la stérilité due aux maladies vénériennes contractées après la dernière naissance de l'enfant. Il y en a d'autres qui soignent les Asthmatiques, les enfants souffrant de coqueluche, de bronchite périodique, des maux des yeux et des oreilles. D'autres luttent contre les empoisonnements, traitent les personnes souffrant de mastite, d'otite, d'hépatisme et tout genre de tumeur, communément appelée"d'INKABYA" en KINYARWANDA. Il y en a qui soignent aussi l'hydropisie.(URUSHWIMA)

Certaines femmes guérisseuses savent utiliser les plantes médicinales qui ont la faculté de régulariser l'allaitement maternel, en cas de manque absolu de lait maternel pour nourrir le bébé.

Dautres guérisseurs traitent les rhumatismaux, les gens qui souffrent d'entorse ou même de fracture(en pratiquant l'usage de la ligature de la partie fracturée du corps) C'est la pratique la plus ancienne, avant l'introduction de la médecine moderne au Rwanda. Nos guérisseurs soignent les Epileptiques et les foux, lorsqu'ils sont présentés aux guérisseurs à temps, et avant que la maladie ne se soit pas aggravée

Voilà un Résumé du Rapport qui m'a été communiqué par quelques unes de nos guériseuses qui exercent leur art de soigner les malades ici à KIGALI. Hélas, d'autres guérisseurs qui habitent près d'ici ou loin de nous, ne se présentent pas encore pour élargir notre Association.

La scarification bénigne sur l'entorse se fait encore de nos jours et on applique une poudre de médicament sur la partie incisée, souffrante et gonflée de l'entorse.

Faute d'initiateurs valables, la scarification avec l'usage de la ventouse, ainsi que la cautérisation sont des pratiques anciennes et aucun de nos guérisseurs ne les pratique plus.

## III. PROJET DE CULTURE ET D'INTENSIFICATION DES PLANTES MEDICINALES.

Comme il ya rareté de plantes médicinales à acheter sur les marchés locaux, celles-ci ayant été déracinées globalement sur les collines par des gens ignorant leur valeur médicinale, j'ai suggéré dans un écrit à 5 pages, qu'il faudrait multiplier les plantes médicinales dans toutes les zones climatiques du Pays.

Cela dépendrait de la disposition des fonds nécessaires à consacrer à cette culture, si l'on se décide à créer une industrie en produits pharmaceutiques.

C'est un projet à long terme qui vaille la peine et qui devrait être envisagé pour nous autosuffire en médicaments. Mais d'où tirer les fonds à investir dans cette entreprise.

## IV. PRESENTATION DES ECHANTILLONS POUR L'ANALYSE.

Je ne peux pas terminer sans présenter aux visiteurs, chercheurs en plantes médicinales quelques plantes médicinales que j'ai pu difficilement touver à la campagne.

..../....3

LES DIFFICULTES RENCONTREES PAR LES GUERISSEURS DANS L'ART DE SOIGNER LES MALADES.

Comme je l'ai souligné dans le premier paragraphe,du Chapitre III, l'acquisition des plantes médicinales à acheter tant sur le marché local que sur les collines avoisinantes de la ville Kigali, est rendu très difficile par un déracinement des plantes précitées.
A Enumérer les causes de notre handicap:

-Ce déracinement constitue la cause première de la pénurie en médicaments,et du manque au développement de notre Association; ce qui ne nous rapporte pas assez de fonds nécessaires pour l'épanouissement de notre Commission pour LA RECHERCHE en PLANTES MEDICINALES.
- Le manque absolu des sous ou d'argent pour au moins acheter le peu que l'on puisse trouver dans les régions de savanes boisées,comme au BUGESERA ou bien au GISAKA(KIBUNGO) où l'on trouve facilement les plantes médicinales variées dont on a besoin.
- Le manque de moyens logistiques que nous exigerait le trajet ou déplacement pour aller et revenir de ces lieux.

Enfin pour la bonne marche de notre Entreprise, il nous faudrait dans un premier temps:
-Des Instruments ou Ustencils pour préparer les médicaments: on peut citer notamment:
5 Grandes Casseroles pour cuire les médicaments;
IO Casseroles moyennes pour leur dépôt en attendant le tamisation.
3 à 4 Casiers de Bouteilles vides de Whisky.
20 bouteilles moyennes pour la conservation des médicaments.
IO Dame-jeannes pour les médicaments d'usage courant(comme les médicaments contre les vers)
5 Paquets d'Ouate hydrophile+ autant de pansements pour les blesures
3 à 4 ciseaux + 3 à 4 gants.
5 tamis + Entonoirs+UNE MACHINE pour pilonner les médicaments.
I Frigo + 5 seaux + I CUISINIERE à cuire les médicaments.
2 Etagères+2 Tables+ Une Armoire fermée+ 5chaises(dossiers)5 banquettes. Imoulin à moudre les médicaments.Un CONGERATEUR pour conserver à frais les feuilles pour préparer les médicaments.

Fait à KIGALI ,ce I6/08/I997.
SESHENGERO Frédéric, Chargé de la Recherche sur les plantes Médicinales"à l'A.R.P.A."

## II. UBUVUZI GAKONDO N'ABABUGIRA MU RWANDA.

### A. IJAMBO RY'IBANZE.

Ubuvuzi gakondo mu Rwanda, muli iyi myaka tugezemo, bugirwa n'abanyarwanda biganjemo Abasheshe Akanguhe, n'ukuvuga Abasaza n'Abakecuru, kandi mu rusange batize, cyangwa bize bike cyane. Ni cyo gituma Abanyarwanda bakunze kubita"ABAPFUMU" bigasobanura ko no mu Rwanda rwo hambere Umunyarwanda wali uzi kwotsa cyangwa GUPFUMURA(I) bamwitaga MUGANGA. Icyapfumurwaga cyabaga ali ikibyimba, cyagaragaye ku bice bimwe na bimwe by'umubili w'umuntu cyangwa w'inka. Uwo muganga yabaga azi n'imiti, yagombaga gukoresha,kugira ngo akize umurwayi wabaga yafashwe n'iyo ndwara y'Ibibyimba, bali bakunze kwita"IBICACI" kenshi byashoboraga kwica n'Abantu byababa byafashe. Ngo icyo kibyimba bitaga"IGIKACI" ali rwo RUHELI, cyateraga uwo cyabaga cyafashe, Umuliro mwinshi cyane, ndetse ngo yaba atabonye uwo Muganga, ngo amuhe Umuti agapfa ubwo muli iryo joro.

Aba Bavuzi bacu gakondo, nta muntu n'umwe mu bize, wali wabegera ngo ababaze niba bashaka guter'imbere. Guter'imbere kwabo n'uguhugurwa, bakamenya gusuzuma,bazi neza uko indwara zifata abantu, bakamenya kandi uko bagomba gukoresha iliya miti, bakayivuza bayizi neza, bazi n'ingaruka ishobora kugira ku Buzima bw'Abarwayi.Mu Kinyarwanda baca Umugani ngo"UBUZIMA N'AMAZI ASESEKA NTIBAYORE". Nicyo gituma, tutayakinaho, dukoresha iyo Miti itabanje gupimwa, muli za LABORATOIRE, kugira ngo yemezwe n'UBUSHAKASHATSI.

Abavuzi Gakondo, bagombye guhugurwa,bakigishwa Anatomie,Phyisiologie,Pathologie médicale, Bio-Chimie, Hygiène....Nibaza ko nta Muganga wali ukwiye kuvura Abantu cyangwa Amatungo, atabanje kumenya ziliya nyigisho, kugira ngo zizamufashe gukora Umulimo we awuzi neza, no kugira ngo aziteze imbere, kandi azashobore guteza abandi imbere.

Kubana n'Abasheshe Akanguhe, kuganira na bo, no gukunda kubabaza Ubumenyi bwerekeranye n'UBUVUZI GAKONDO mu Rwanda, nasanze bikwiye gushyirwa hamwe mu nyandiko, maze ntibibagiranye bisimirana n'ABASAZA baguma bapfa,bagasiga ubusa, n'ukuvuga ko bapfa batanditse ubwo BUMENYI basigiwe n'Abakurambere babo. Ubwo Bumenyi bwerekeranye no kuvura Abantu n'Amatungo yabo bukubiye mu nyandiko iza guheruka.

### B. INDWARA ZIVURWA N'ABAVUZI GAKONDO MURWANDA.

Indwara Abavuzi bacu bavura n'izi zikurikira:

Indwara z'Uruhu-zo mu mazuru- gufunga mu mazuru no mu muhogo-imbasamburugu-kulibwa munda-ubuheli-gusubizayo amagara-kuvura icyo bita"IGISHEGA" Ibibyimba byo ku mubili n'ibyo muli Nyababyeyi. ..../..2

Bavura n'inzoka z'ubwoko bwose- Hali abashobora kuvura Malaria-indwara z'ibitsina-z'impiswi-Hali abavura indwra z'Ababyeyi :gukingira ababyeyi batwite no kubabuza gukuramo inda- kurwanya ubugumba- kuvura mburugu n'imitezi-abandi bavura inkororą z'abakuze n'iz'abana:bronchite,athme, coqueluche etc...Abandi bavura amaso n'amatwi(umuhaha)_banavura kuva mu mazuru-amaseke bakunze kwita"Amaseke ya Nyamukanura"(hématurie) Abandi barogora abrozwe-bagashyira Abakobwa mu mategeko-bakanavura amabere-umwijima-inkabya. Hali n'abavura urushwima. Abavuzi bandi bazi kandi bakoresha imiti iva ku biti bituma Imbyeyi zigarura amata, Ababyeyi bonsa abana, iyo miti bayinyoye igatuma bagira amashereka menshi kurusha ho, yo gutunga abana babo.Hali n'Abavura abaliwe n'inzoka zokugasozi

Rubagimpande, indwara y'imitsi, ibyimbisha amaguru, igaca n'umugongo, abavuzi gakondo bayivuzaga ibi bikulikira:

- kurumika(2) bakoresheje icyo bitaga ingunga, bakoreshaga muli icyo gikorwa oyo kurumika; N.B. Ubu bulyo bwo kurumika bwakoreshwaga, n'abavuzi bo hambere, baca ururasago ku gikanu, hanyuma bagacana umuliro, bashoboraga gukuraho, Urubeya(flamme) bakoresheje icyatsi cyumye, bateregaga mu Ngunga(vase en forme ronde pour attirer du sang)Ubwo bulyo bwakoreshwaga, mbere y'uko Abava-Bulayi, batuzanamo Amajyambere yo kutuvuza kubaga no gutera inshinge.
- kurasaga ahantu habyimbye ku mubili w'Umuntu, no gushyira ho umuti babanje kuhavusha;
- guca udutsi duto, ku bulyo abali babizi, bashoboraga kumenya imitsi ishobora gucibwa, n'iyindi batashoboraga guca. Bukaba ali nabwo bwali UBUHANGA, kuko uwabigiraga atabizi neza yashoboraga kwica uwo yakijije, aramutse amuciye umutsi udacibwa, akawuvusha, ntashobore no kuwukamya!
- kwotsa udutsi bakoresheje,URUHINDU(3) cyane cyane hejuru y'amaso y'umuntu, wabaga arwaye UMUTWE, cyangwa wabaga ava"imyuna(4).
- Kwiyubikira, mu rwina(5) cyangwa kwicazwa mu kazu k'ibyuya(6),abavuzi gakondo b'ubu bubakira Abarwayi bifuza kwivura amavunane(7)

Imvune nayo, Abavuzi bacu, bayivuza:-iyo ali imvune yoroheje, nko guhinyagara, baca indasago ku bubyimba bw'ahantu havunitse, bagashiraho UBWUNGO(8) bamara kubushyiraho, bagapfukisha, (ubu bakoresha ibitambaro, (pansements, aliko kera bakoreshaga ibibabi by'Igiti bita Umuko)
- iyo ali imvune ikomeye, (fracture)Abavuzi Gakondo,mbere y'uko Abava-Burayi batuzanira(plâtre) buliya bulyo bwo guhambira urugingo rwavunitse Abavuzi bacu bali bazi, kwegeranya uduti twinshi duto, bakaturinganiza n'umuzenguko w'urwo rugingo rwavunitse, bakaboha igisa n'akarago, barangiza, bakahahambira,bakabuza uwavunitse kwongera kunyeganyeza ahavu-

nitse, kugeza ubwo amagufa azongera kwegerana, ubwo abavuzi babona ko uwo wabaga yavunitse, yakize bakamureka akitoza kugenda. Impanuka zo kuvunika ku buryo nk'ubwo butanije amagufa, ntizakundaga kubaho. Izi mpanuka zabaga cyane cyane ku matungo nk'inka, zabaga zarwaniye ku misozi milemire, zikavunana amaguru cyangwa amaboko, cyangwa se amahembe. Abantu ahubwo bavunwaga no guhinyagara, nko kugenda ahantu hataringaniye, cyangwa se kugenda n'ijoro, bikunze kenshi gutera impanuka zo kuvunika, nkuko bikunze kugaragara ino mu mujyi wa KIGALI, aho usanga Abantu bensi bavunwe, n'ubudaharirana(9)cyangwa imigunguzi yaho.

Abavuzi bacu kandi bavura indwara y'IGICURI cyangwa y'IBISAZI, iyo babazaniye abafashwe n'izo ndwara hakiri kare, zitarabarenga.

N.B. Imiti ivura IBISAZI Imwe ishobora kwica, abayinyoye. Nicyo gituma kenshi mu nyandiko zacu, dusaba, ko batwigira imiti imwe n'imwe dukeka ho ko yatera IMPANUKA, iramutse ikoreshejwe, n'Abavuzi navuze hejuru batazi ingaruka, imiti nk'iyo yashobora kugira ku Buzima bw'Umurwayi.

HALI IKINDI DUKWIYE KUMENYA: a) Abantu bali bazi kuvura, benshi barashaje bapfa, badasize Inyandiko y'Ubwo bulyo bwo kuvura, cyane cyane GUCA IMITSI, no kuvura INDWARA zikomeye.

b) Abandi Bavuzi gakondo, ntibyamamaza, ngo bamenywe, kandi NTIBANASHAKA, kugaragaza UBUMENYI, kubera ko UMUTI, ntu vugwa nta cyo uwo Muvuzi ABONYE(doit d'auteur)

C. UMUSHINGA WO GUHINGA NO GUTUBURA IBITI N'IBYATSI BIVAHO IMITI IVURA ABANTU.

Twamaze kubona ko ibiti byinshi bivaho imiti byarimbuwe, kandi ko nta bindi bisimbuzwa; twali twasabye mu nyandiko yacu yo kuli 02-IO-I996, ko hakwiye kubaho UMUSHINGA, wo kwiterera ibindi biti n'ibyatsi bivaho imiti, duhereye kubyo Abakurambere bacu basize batweretse.

Byadusaba kubitera ahantu hendhi, kandi hatandukanye mu turere tw'Urwanda. Bulya imiti nayo n'ibimera bitandukanijwe no gukulira mu miterere y'akarere itandukanye(écologie) Nicyo gituma twayihinga henshi kuko hali ibimera usanga i Butare, wagera i Kigali ntubihasange; ubundi wagera i Kibungo ukahasanga ibyo wabonye i Butare.

Niba duteganya kwihaza mu miti, twayihinga tuyigwiza, kugira ngo izadukungahaze mu gihe kiri imbere. Ikibabaje, ntababyumva, aliko biterwa no kutumva agaciro k'iyo miti, n'inyungu yazazanira Umuryango.

N'Umushinga w'igihe kirekire, aliko ushobora kugirila akamaro kanini abawugerageza. Hagomba kubaho imilima, ikaba yasabwa, mu Butegetsi, hanyuma igahingwa ikanaterwa. Hagombye kubaho Abantu biga IMBANZIRIZA MUSHINGA. Ababigira bo se nibande, atali abasanzwe bazi

.../...4

neza ibyo biti n'agaciro kabyo, kugira ngo bazatangire gukora bazi inyungu bishobora kuzabazanira. Amafranga se yo gutangiza yavahe, niba nta NKUNGA twizeye kubona? Hagombye gukorwa icyo bise"Fund rising" N'ugushaka amafranga, duhereye kuli make dushoboye kubona. Ubulyo bwo kuyashaka, byava mu manama yacu, niba dushaka kwishyira hamwe.

D. INGORANE ABAVUZI GAKONDO BAHURA NA ZO.

Nkuko nagiye mbyandika, mu nyandiko zabanjirije iyi, kuronka imiti yo kugura ku masoko y'Umujyi wa Kigali, ntibyoroheye abayishakira kuyikoresha, kuko ntiboneka nkuko ikenewe; impamvu n'uko imyinshi yalimbuliwe hasi, kandi ntihagire indi iterwa mu mwanya wayo.

Iryo limburwa ry'ibiti, niyo mpamvu yambere izatuma tudatera imbere; indi mpamvu n'iyo kubura Imali(amafranga) yo kugura n'utwo duke dushobora kuboneka aho nyine ku masoko, cyangwa yo kujya kuyishaka mu turere tumwe na tumwe, nko mu Bugesera n'Ikibungo, aho ukeneye iyo miti ashobora kuyikura bimworoheye.Umuntu ashobora kubona imiti imwe n' imwe ku mayira, atagombye kujya kuvunja Ibigunda. Ibyo n'amahirwe, kuko umuntu atinya gukomeretswa cyangwa kwicwa na za Mine basizemeze.

Byongeye kandi kujya aho hantu kure,bisaba Imodoka, cyangwa amafranga yo kuyigurira,kugira ngo itware abajya gushaka iyo miti, ndetse bikaba byabasaba n'andi mafranga y'Impamba.

Twali twavuze hejuru, ko kugira ngo uyu"MUSHINGA"ushoboke, hagombye kubaho"Fund rising" N'ugukora iyo bwabaga, tugakoresha n'uduke dushoboye kubona. Mu nkunga dusaba, ibikoresho nibyo by'ibanze mu gihe cya mbere: Ibyo bikoresho IMBANZIRIZA-MUSHINGA ikeneye n'ibi bikurikira: -Amasafuriya yo guteka imiti-Amacupa yo kuyishyiramo-Ibikopo byo gushyiramo imiti yo gupimisha-Ipamba n'Ibitambaro byo gupfuka ibisebe-Gants-Makasi-Ibikoresho byo kumimina-Imibilikira-Imachini yo gusekura imiti-Frigo-Indobo eshatu-Amashyiga yo guteka imiti- Etagère -Ameza-Akabati-Intebe eshanu zegamirwa-Intebe eshanu zicarwaho n'Abarwayi(banquettes) -Urusyo rwo gusya imiti-Congérateur, yo gutuma ibibabi by'ibiti cyangwa by'ibyatsi, bigumana itoto, kugira ngo imiti babikoramo ntiyononekare kubera ubushyuhe.

E. NI MOKO KI Y'IMITI ISHOBORA GUKORESHWA MU BUVUZI GAKONDO ?

I° Imiti ituruka munda y'isi: Amabuye aseye-Ibumba-Ishwagara-Ibibabi+ Ibishishwa by'Ibiti-Imihimba y'ibiti, icanywe, ikavamo amakara, nayo akavura-Imizi y'ibiti bimwe n'iyibyatsi bimwe-Amateke ya bimwe mu bimera byo mu mashyamba-Ifu iva muli ayo mateke, cyangwa iva mu bishishwa by'ibiti bimwe na bimwe.

.../..5

2° Imiti ituruka k'Ubutare: Umulinga uvanze n'indi miti.
3° Imiti ituruka ku biti bimera mu mazi.
4° Imiti iva ku myanya y'Ibikoko.

F. IMITI DUSHOBORA KUBONA HAFI YACU,KANDI TWIFUZA GUPIMISHA.

Twifuza kwohereza muli I.R.S.T' cyane cyane imiti y'INZOKA zo munda, nubwo igoye kuboneka bwose. Iy'UMWIJIMA-Iy'INDWARA z'Abagore-Iyo GUHITWA-Iyo kuvura AMASEKE(Hématurie) Twagira ngo nk'Imiti izwiho Ubushobozi bwo komora, cyangwa kuvura uwariwe n'inzoka, ipimwe, hanyuma ijye ikoreshwa isanzwe izwi neza.

Ndangije iyi nyandiko, nsaba abo izashimisha ko baza tukishyira hamwe, kugira ngo tugumye gushakashaka, imiti minyarwanda, yashobora byibura, kugabanya Amafranga agurwa imiti, Igihugu cyacu gitumiza mu Mahanga.

Bigizwe, tarki 7-08-1997.

SESHENGERO Frédéric, ushinzwe Ishami
ry'Ubushakashatsi muli"A.R.P.A"
(ASSOCIATION RWANDAISE DES PERSONNS AGEES)

c/o B.N.C. DE KIGALI(RWANDA)

(1) GUPFUMURA=Percer avec un Instrument acéré.
(2) KURUMIKA=Scarifier une partie du corps et appliquer une ventouse.
(3) URUHINDU=Instrument en fer très pointu pour cautériser et pour la vannerie.
(4) IMYUNA=L'Epistaxis ou sang écoulé à partir des narines.
(5) URWINA=Trou pratiqué dans le sol ou creusé spécialement pour faire mûrir les bananes à bière; approfondi ce trou servait autrefois de lieu pour soigner les rhumatismaux.
(6) AKAZU K'IBYUYA=Chambre chaude pour causer beaucoup de sueurs aux perssones souffrant de Rhumatisme.
(7) AMAVUNANE= Nevrose.
(8) UBWUNGO=Médication pour soigner une personne souffrant d'une entorse
(9) UBUDAHARIRANA=Inégalité du chemin causée par le passage des vaches.

I. GUSABA KUGIRA UMUSHINGA WO GUHINGA, KUGWIZA NO GUKINGIRA IBITI BIVAHO IMITI IVURA ABANTU N'AMATUNGO YABO.

A. UBUVUZI GAKONDO MU MUCO W'ABANYARWANDA.

Muli iyi myaka tugezemo, ubuvuzi gakondo buracyali inyuma cyane ubugereranije n'ubwabavabulayi. Buracyali mu rwego rw'abavuzi, bakunze kwita"ABAPFUMU" kuko ntibugirwa n'Abaganga babifitiye impamya-bushobozi, nubwo haba haliho imiti mu Kinyarwanda, izwiho ubushobozi, baba bakoresha mu kuvura indwara zimwe na zimwe zitwibasiye.

Nta Bushaka-shatsi buragirwa bihagije ku miti yacu, nta n'imiti ihagije iliho. Twagombye kwiterera ibiti byavaho imiti niba dushaka kubona ihagije(quantité industrielle)nk'uko mbese ubu bahinga i kawa mu Rwanda. Lero ubu buvuzi bwacu gakondo, ababugira nta miti ihagije bafite, ali hafi y'imihana nka kera ishyamba likili lyinshi.

Ubu abavuzi bakeneye iyo miti, bagomba kujya gutuma abaturage, kugira ngo nabo bajye kuyibashakira mu bihuru, aho yaba ikirangwa. Urumva ko niba ali ukujya kuyikura ku biti, kenshi ali ibiti bakura ho iyo miti, bagasiga babirimburiye hasi, kandi ntanibindi basigateye byo kubisimbuza, urumva ko UBWOKO bw'icyo GITI buzaba bucitse. Iyo umuntu ashishoje, asanga mu gihe gito nitutiterera, ibindi biti hakiri kare, tuzibuka IBITEREKO TWASHESHE ! Ubuvuzi bwacu nti-buzaramba.

Urumva ko iyi miti yacu, uzaba akeneye kuyivuza, n'uzaba akeneye kuyigurisha, (nitutiterera iyacu,) ntibazaba bakiyibonye, kuko nta yo tuzaba tukibona mu gihugu, kuko kandi bazaba barayitsembye. Abana bacu bagombye kwiga bakamenya Amazina y'Ibiti n'ibyatsi bimera mu Rwanda, maze nabo bakazabyigisha barumuna babo.

B. GUHINGA NO KUGWIZA IBYATSI N'BITI BIVAHO IMITI.

Twebwe Abasheshe Akanguhe, twagombye kuyihinga no kuyitera neza mu mulima wagutse, maze tukazashobora kuyereka n'ubyiruko, kugira ngo bazajye bubaha IBIDUKIKIJE, kuko n'ibimera bilimo.

Mubyukuli iyo umuntu atekereje kugira UMUSHINGA, n'uko abateganya ko uzamwungura, cyangwa ukazungura umulyango we. Ni muli urwo rwego nifuza gusaba, mw'izina ly'uyu Mulyango wacu wa A.R.P.A HELPAGE INTERNATIONAL, INKUNGA, kugira ngo izadufashe guhinga no kugwiza, ibiti bizavamo imiti twazakenera mu gihe kili imbere. Iyi miti twazaguma tuyikoresha muli ubu buvuzi bwacu GAKONDO, ndetse tukazashobora no kuyigurisha n'ahandi bazaba bayikeneye, nko muli ibi bihugu bituranye, aho baba bayikeneye hose.

Ubu ni muki, kandi mucyi niho ibiti byinshi (niho) biba byeze imbuto, akaba ali nabwo zisarurwa, iyo hali umugambi wo kuzitera ku Muhindo. Umuhindo niwo bateraho Ibiti, iyo babanje kubihinga mu

tulima bita"Pépinière. Twe ntituratangira gusaba no guhinga uwo Mulima, uretse no kuwutegura. Twawusaba Abategetsi ba Commune y'aho twateganya guhinga izo mbuto.

Hakwiye kubaho Commission yashingwa gushaka utubuto n'utugere tw'ibiti, dushobora kubona aho hose tunyura, kuko Abantu iyo bishyize hamwe ntakibananira.

Tumaze gusaba uwo mulima Abategetsi, tukawubona kandi ahantu hatunganye, twatangira kuwuhinga imvura imaze kugwa ali nyinshi, tukawuteramo twa tugeri, cyangwa se utugemwe twa zakura muli ya Pépinière.

C. <u>GUSOBANURA NO GUKINGIRA IBITI BYOSE BIVAHO IMITI IVURA.</u>

Igituma nafashe uru rupapuro nkandika, nukugira ngo abo uyu MUSHINGA washimisha, bazaze twishyire hamwe kugira ngo tuzasabe: UMULIMA MUNINI, ungana na Ha 2 cyangwa Ha 3, aho bigishoboka, kugira ngo tuzashobore kuharobanurira, ibyo byatsi n'ibiti bivaho imiti, no kugira ngo tuzabitere ahantu tuzaba twihitiyemo. Bizadusaba, ubushakashatsi(études) kugira ngo ntibizaduhombye. Umulima nk'uyu twawusaba aho bishoboka, dukurije ko aho hantu hali ubutaka bwiza, kandi buhagije, dukurikije kandi ko n'ibyo biti dushaka kuhatera byahaba.

Jye ku giti cyanjye, nasanze aho bishoboka kandi heza muli iki gihe, ali muli Préfecture ya KIBUNGO cyangwa ya MUTARA, nko muli Commune ya RUKARA,ali naho HELPAGE INTERNATIONAL yashinze i Bureau byayo, maze tukazabonerahо kuyisaba iyo nkunga yo gutangira uwo mushinga.

<u>IBIKWIYE KUBANZA GUKORWA N'IBI BIKURIKIRA:</u>

I° Guhitamo UBWOKO bw'ibiti byadutuburira imiti kandi ikenewe n'Abanyarwanda benshi, kandi yatuzanira andi mafranka menshi mu mahanga. Ubu bwoko n'ubw'igiti bita" QUINQUINA" gishobora kuzatuma twihaza mu miti yo kuvura MALARIA, kandi muzi mwese ko iyi ndwara itumereye nabi muli iki Gihugu cyacu. Ngo icyo kinini kigira, ubwoko butandukanye bakwita mu gifransa(variétés différentes) Ubwoko bwiza kurusha ubundi umusaruro twabwigira muli ya Commission y'Abasheshe Akanguhe? Kubera ko iki giti gikenewe hose, nk'ikawa n'icyayi, cyazatuzanira inyungu yazashobora kutwishyurila, imyenda, twaramuka twatse ali mukutwubakira cyangwa mukuturihira, abazaba baradukoreye mul'uwo mulima nyine.

2° Gushaka-shaka twa tubuto(les graines) ku biti bimwe na bimwe, byera mucyi.N.B. Iyi Commission yo gushaka-shaka utu tubuto, yaza tuga terana, tukiga ubulyo bwogushaka utu tubuto. Kenshi usanga utu tubuto tuli ku biti ahantu kandi hatandukanye, mu turere kandi dutandukanye tw'igihugu cyacu.

Urugero: Imbuto z'agati bita Umukubayoka, ziboneka ahali ifumbire nyinshi kurusha ahandi, cyangwa mu karere katagira imisozi milemile. Lero ugomba guhingwa mu mulima babanje gufumbira cyangwa mu bisiza, aho wera kurusha ahandi.

Hali n'ibindi biti cyangwa ibyatsi, usanga bimera ahantu hatandukanye. Nibyo navuze hejuru,ko tugomba kubanza kwiga uyu mushinga neza, byaba ngombwa tukazatera imbuto zacu ahantu tuzaba twabanje kumvikanaho.

Mu gihe tuzaba twatangiye gukorana na za Branches za A.R.P.A., bizadusaba kugira umulima naho waba muto, muli buli Branche ya buli Karere; dukulikije imbuto z'ibiti zihamera kurusha ahandi.

Tuzasaba Inama Impuguke mu byrekeranye n'ubuhanga mu bumenyi bwa ibiti bimera ahantu kurush'ahandi, bikulikije akarere bimeramo.

3° Gutera utwo tubuto muli wa mulima, no kulindira igihe tuzakulira tukagemurwa muli wa mulima navuze,"Pépinière" hanyuma ingemwe zigaterwa muli wa Mulima munini navuze hejuru, ali wo ugenewe guhingwamo izo mbuto zose, aliko zisobanuwe, ubwoko muli Parcelle bugatandukanywa

4° Gukorera hamwe: Muntangiriro y'Umushinga hakunda kuba ingorane, limwe na limwe, kubera impamvu nyinshi. Mbere y'uko dutangira, tujye tubanza kwinegura, kugira ngo ingorane niziza, tuzamenye uko tuzirinda. Icyambere: Abirabura mu rusange, n'Abanyarwanda kubw'umwihaliko, dukunze guhitamo kwikorera Umushinga ku giti cyabu. Si bibi, aliko mul'ikigihe bisaba ubushobozi, umuntu wese atagira. Hambere byarashobokaga, kuko twali tugifite icyo twakwita BANQUE yo muli icyo gihe.

Banque yacu yali,ukorora AMATUNGO MANINI(INKA), izi nka kandi twali tugifite aho tuzororera. None hose haratuwe. Ubu dukwiye kwishyira hamwe tugakora ibishoboka. Ibishoboka nink'uwo MUSHINGA, navuze, n'indi mishinga ibereye ABASHESHE AKANGUHE, kandi ikwiye kubera urugero Abato. Igihe cyali kigeze, ko twebwe tubereka INZIRA NYABAGENDWA, yo kugira ngo abato bave mu BIYOBYA_BWENGE(INZOGA) maze babone gukulikiza Urugero rwiza tuzaba twabahaye, cyane cyane muli uyu MUSHINGA.Nukugingo kandi wa mugani Abanyarwanda bakunze guca ngo"UTAZI UMUGANI WA SEKURU ABAZA SE" Uku gukora dukorera hamwe, nibyo bizatuma uru Rwanda rwacu rwongera kugarura Ubuyanja !

Icya kabili: Iyi milima yacu izaba ali rusange; bizadutera ingorane zo kuyirinda cyangwa se kuyirindisha. Bizadusaba kandi amafranka yandi menshi; niko bimera, iwacu bac'undi mugani uvuga nawo uti: "IBIGOYE BIGORA ABAGABO" Abarundi nabo bakawuca bagira bati:"AKAGUMYE BAGUMAKO" cyangwa ngo :"NTAWULYA AKATAMUGOYE" CYANGWA ngo"USHAKA UMUBIRA ABIRA AKUYA".Murumva ko Urulimi rwacu ruliho, rulinguka imyibutsa, izakungahaza URULIMI rwacu. Mu gifransa naho ngo:"On ne récolte pas la Rose sans épines".

Mulabona ko nitwagira ubushake bwiza, tubanje kwibaza icyatumye IZO NTWALI ZACU, ZIDUSIGIRA IYO MIGANI, natwe ntidukwiye kuba twazitetereza, mukudakorera URU RWANDA RWACU, mugihe twaba tubonye aba bazanywe no kuduter'INKUNGA.

Nta gukeka nitwahagurukira hamwe, tuzabibonamo inyungu mu bwu-

mvikane, no mu kwihanganira ingorane twaramuka duhuye nazo. Inama izaguma ikenewe,kugira ngo tuzajye turebera hamwe ibizaba, bigenda neza cyangwa nabi.

D. GUKINGIRA IYO MILIMA,KUGIRA NGO NTIZAVE HO IVOGERWA N'ABATAYIHINZE.

Mu Kinyarwanda iyo umuntu ashaka guhinga Umulima, nk'uwi kawa atekereza ko ushobora kuzamuzanira umusaruro utubutse, abanza kwuzitira kugira ngo ibyonnyi cyangwa abatawuhinze batazaza kuwuvogera, hanyuma akawuhinga ntacyo yikanga, byarangira akawuteramo imbuto.Atawilindira, akawulindisha uwo ashobora guhemba. Natwe niko bikwiye kuzagenda; mbona ko Abo uwo MUSHINGA washimisha muli twe, bazaza tugafatanya, ali muli ukwo kwaka iyo NKUNGA ya HelpAge, ali kuzaza tugaherekeranya muli ilyo saba ly'uwo MULIMA kwa Bourgmestre wa Commune tuzaba twemeje kugirira mo uwo MUSHINGA, imiti ahantu hamwe.

Mu kuzitira, twakoresha ibiti bita mu Kinyarwanda, IMIFATANGWE, ali nayo isanzwe ikoreshwa mu kuzitira imilima,batifuza ko yavogerwa.

Muli Uyu mushinga,kandi turasaba ko Leta yaguma ikingira IBITI bikili mu mashyamba ya kimeza, kugira ngo ntibizagumye, bicanwa, cyangwa bicibwamo amakara. N.B. Ibishishwa by'ibi biti ababizi, bavuga ko bifite ubushobozi, bwo kuvura indwara nyinshi:Bavuga nk'ibiti bivamo imiti yo kugombora INZOKA, n'ibindi biti bivamo imiti ivura abantu guhitwa. Indi nayo ikavura inka n'ababyeyi. Kenshi usanga iyi miti iva ku bishishwa, cyangwa ku makara ya bimwe muli byo. Turateganya kwandika, urwunge rw'ibiti bimwe na bimwe, kugira ngo Abantu bazajye bamenya, akamaro ka buli giti mu buvuzi Gakondo.

E. IMITI ABANYARWANDA BAKORESHA MU BUVUZI GAKONDO.

Hali amoko menshi y'ibiti, kandi anyuranye: Bavuga ko 90% bivura indwara, zitandukanye. Ibiti byinshi, ndetse tutaziho ubushobozi twese, ngo biravura. Ibyinshi ubu barabitsembye, ibindi bisigaye mu mashyamba ya kimeza. Abanyarwanda bali bazi kuvuza iyi miti, benshi barapfuye, kandi bapfa batayibwiye abana babo ngo izashobore kwandikwa. Nicyo gituma, jye ku giti cyanjye natangiye kubaza ABASAZA, kuva mu mwaka wa 1968, ubwo nabanaga n'ABASHESHE-AKANGUHE mwi'Ishyamba ly'i BURUNDI, aho bali baraduciriye.Kwandika ibiti bike nashoboye kumenya, mbibwiwe, cyangwa mbisomye, nashakaga ko ibintu biranga Umuco wacu, bitazimirana n'Abasaza bacu, nabo baguma bapfa buli munsi. Ingorane tugira, kandi ali natwe tuzitera, nuguhishanya, IMITI.Jye nasabye abo dufatanije, mu BUSHAKA-SHATSI bwo Kuvuza Imiti gakondo, ngo bazanyegere, tuzandike mu GITABO imiti yose tuzi, hanyuma, kiza gurishwe.Ubu ntegereje Uwo mushinga.Niwo wamugani wundi Iwacu baca: "NGO AKABANDO UZICUMBA UKUZE UGACA UKILI MUTO"

Hali ibiti nashoboye kumenya, mu mazina y'i KIRUNDI, bizasaba

.../...5

ko nzongera guhura n'Abarundi duhana imbibe kugirango, bazabinsobanulire neza, menye uko twabyita mu Rwanda. Urugero n'inkigiti bita mu Kirundi" UMWAMBINGWE" kivura indwara ikomeye cyane ifata mu myanya ndanga-bitsina y'Abantu.

Hali-n'indi miti y'i Kinyarwanda, bambwiye mu magambo batayi nyeretse: Nkuwitwa: GASAHO. Sinyuzi, uwawumenya azawunyereke, nanyje nzamubwira indwara uvura. Na NYIRAMUKO: nayo sinyizi, kandi abakuru bali baranayivujije yo ni yo GASAHO mbere yuko Abavabulayi, baza mu GIHUGU cyacu.

Imiti myinshi Abanyarwanda bakunze gukoresha mu Buvuzi iva:

I°) Ku biti byo ku ngo z'Abaturage, ninabyo bifashisha mu kwivura, INKORORA, IBIKOMERE, GAPFURA, INZOKA, AMASO, AMENYO, n'izindi.....

2°) Mu bihuru, ku nkengero z'agasozi, mu ndimilo cyangwa mu bikorera by'imilima y'Abaturage.

3°) Mu kabande, mu migende cyangwa mu nkuka z'akabande.

4°) Mu karere, nako mu turere dutandukanye tw'Igihugu, kuko hali imiti umuntu ashobora gusanga i BUTARE, aliko i Kigali akayihabura. Hali ili i Kibungo, kandi ukayisanga i Butare. Iyo bashobora kubona kuli iliya misozi milemile bita:"La crête Zaïre Nil" siyo wasanga ino i Kigali, cyangwa ahandi muli iyi misozi migufi.

MBERE YO KURANGIZA IYI NYANDIKO YEREKERANYE N'UYU MUSHINGA, NAKWIBUTSA IBI BIKURIKIRA:

a) Nta miti ihagije dufite, ikaba aliyo mpamvu ituma twakongera ibiti bivamo imiti hano mu Rwanda. Bizadusaba ko abayizi dukorana twese tukagena umugambi, wo gushaka-shaka utubuto(les graines) n'utugere tw'ibiti bivaha iyo miti, hamwe n'imizi, maze tukazabitera mul'iyo milima yo kudutuburira imiti.

b) Twatangira kubikora, kuva mu kwezi kwa cumi na kumwe, ali naho nise ku muhindo, kuko ali nacyo gihe cyo gutera ibiti ibyo alibyose, iyo umuntu ashaka ko bizororoka neza.

c) Gusaba Abategetsi, aho twakorera uwo mushinga, kuko ntawukorera aho adafitiye uruhusa, cyane cyane iyo ali umushinga ugomba kuhakorerwa nk'uwo wacu.

d) Twatangira kandi kwohereza IMITI yacu(échantiilons) i BUTARE, ku gira ngo yemezwe n'UBUSHAKA-SHATSI. Yamara kwemezwa, bakayicamo imigabane(dose moyenne) kugirango ubushobozi bwayo bumenywe n'Abayayikoresha mu kuvura Indwara iyi n'iyi.

e) Abakoresha iyi miti minyarwanda, bagombye GUHUGURWA, bamara guhugurwa, bagahabwa URUHUSHYA rwakwemezwa n'Ababishinzwe, maze buli muvuzi akagira"Brevet de Guérisseur", bityo agakorera ahagaragara. Bitabaye bityo twaba twiteze impanuka ku bantu baba baje kwivuza ku Bavuzi, batazi urugero rwo kuvanga no gutanga iyi miti, ishobora kwica cyangwa gukiza. Bigizwe, le 20/I0/I996.

SESHENGERO Frédéric, Ushinzwe UBUSHAKASHATSI
muli A.R.P.A.